## Chanson
## IJURU RIRAKEYE / Le ciel brille

**1.** Mutaba y'iwacu / *Au village le nôtre*
Ndumva umubavu udukubye / *Le parfum nous encombre*
Mu mpinga ni uruyange / *Sur les collines, la floraison*
Ruduhuza ikibunda / *Qui nous débarrasse du brouillard*
Twarazwe n'amatge / *Que la mort nous a légué*

**Chœur :** Ayiyeh ! ijuru rirakeye ! / *Ah ! eh ! le soleil brille !*

**Refrain :** Kenyera nawe ushyidike / *Endure et apprête ta bougie*
Igicaniro kitazima / *Allume-la flamme incessante*
Ucyamurire n'abandi / *Eclaire-toi !*

**2.** Ijuru rirakeye / *Le ciel brille*
Rikayanganye impumbya / *Il s'éclate en sérénité*
Zo kutumara impumu / *S'emparant de nos souffrances*
Umurage w'igitsure / *L'héritage de la mésentente*
Cyaturemarije imboni / *Qui a handicapé nos iris*
Z'amaso n'iz'umutima / *De l'œil et du Cœur.*

3. Kebuka urore impande / *Tourne et regarde deux fois*
Wikikanga na gato / *Sois tranquille*
Wicaye ku gicumbi / *Tu es au milieu des tiens*
Ntihanacumba inabi / *Point de mauvaise humeur !*
Mbe yakongezwa na nde ? / *Personne ne peut tourmenter*
Ko duhuje umugambi./ *On aie des mêmes visées.*

4. Mu ijabiro ni hambavu / *Le ciel est proche de nous*
Nta mutaru uharangwe / *Il n'est vraiment pas loin*
Abadusize intambwe / *Les morts qu'il conçoit*
Bacanye ikitazima / *Allument leurs bougies*
Twarahuraho none / *Que les leurs passent les flammes aux nôtres*
Twasuhererwa dute ? / *Ne soyons plus contraints.*

5. Wikizibiranya umutima / *Ne réprimande ton cœur*
Ugucyamura ugaba / *Qui t'en prie en répandant*
Impumeko y'amahoro / *Un soupir réconfortant*
Ni nyamuhiribona / *C'est une étoile-guide*
Yisendereze nawe / *A toi d'en répandre*
Zigamaho umunani / *Fais-en un héritage*
W'amashami agushibuka. / *Pour tes bourgeons*

## Duo chanté

Ngwino ! Ova ! winyura aho
Ngwino ahubwo kuru ruhande
Ndi
Tera intambwe,tera indi
Indi. ..
Yego,aho!
Fungura amaso wirebe mu
Intori zangye
Uhoramo
Uri igitonyanga CV' amarira
Yanjye atemba buri munsi
Kubuzima bwanjye bugagaye
Uri ikiganza gihumuriza
Umutima wanjye
Egura umutwe
Ongera,kandi,kandi. ..
Ahe!guma aho!

Kuko aho umucyo urererana
Nkibuka nntekanye
Ici ton empreinte est plus vive
Kuko aha umutima wawe
Uracyatera
Aho imitima isubira mu
Gitereko ituje
Aho mpaza burigihe
Nkaguhobera ukancika
Aho mpaza burigihe
Kugirango numve ijuri
Ryïntambwe yawe irenga.